www.xtrapapers.com

M12/1/A1KIN/SP1/KIN/TZ0/XX

22120551

International Baccalaureate®
Baccalauréat International
Bachillerato Internacional

**KINYARWANDA A1 – STANDARD LEVEL – PAPER 1**
**RWANDA A1 – NIVEAU MOYEN – ÉPREUVE 1**
**KINYARWANDA A1 – NIVEL MEDIO – PRUEBA 1**

Thursday 10 May 2012 (morning)
Jeudi 10 mai 2012 (matin)
Jueves 10 de mayo de 2012 (mañana)

1 hour 30 minutes / 1 heure 30 minutes / 1 hora 30 minutos

---

INSTRUCTIONS TO CANDIDATES

- Do not open this examination paper until instructed to do so.
- Write a commentary on one passage only. It is not compulsory for you to respond directly to the guiding questions provided. However, you may use them if you wish.
- The maximum mark for this examination paper is *[25 marks]*.

INSTRUCTIONS DESTINÉES AUX CANDIDATS

- N'ouvrez pas cette épreuve avant d'y être autorisé(e).
- Rédigez un commentaire sur un seul des passages. Le commentaire ne doit pas nécessairement répondre aux questions d'orientation fournies. Vous pouvez toutefois les utiliser si vous le désirez.
- Le nombre maximum de points pour cette épreuve d'examen est *[25 points]*.

INSTRUCCIONES PARA LOS ALUMNOS

- No abra esta prueba hasta que se lo autoricen.
- Escriba un comentario sobre un solo fragmento. No es obligatorio responder directamente a las preguntas que se ofrecen a modo de guía. Sin embargo, puede usarlas si lo desea.
- La puntuación máxima para esta prueba de examen es *[25 puntos]*.


© International Baccalaureate Organization 2012

www.xtrapapers.com



*Gira icyo wandika kuri* ***umwe gusa*** *mu myandiko ibiri wahawe:*

**1.**

**Nsezere ku bwana**

Nta nzogera izongera gutangaza
Impera n'intangiriro by'isomo
Nta gihe cyihariye cyo kuruhuka
Abantu bafata amafunguro
Nta cyumba cyo kwigiramo
Nta cyumba cyo kubamo
Nta gahunda y'amasomo
Nta subiramo hamwe
Nta masomo nta shuri
Mu by'ukuri nta n'abigisha.
Ubu dusigaye twirwariza
Mbega gutungurwa wee
Birababaje ariko nta kundi
Duheruka mu ishuri hashize
Imyaka makumyabiri
Mbega ukuntu twari dutogahiye
None aho tumaze kujugunyirwa
Mu isi y'ubuzima bukandana
Twibereye aho tutazi ibibera
Imyuma y'ibyumba by'ishuri
Dusigaye tumeze nk'ifi yakuwe
Mu mazi ishakisha urume bume
Mu mizo ya mbere tukigera hanze
Twafunguye amaso tubona indi si
Isi itari umukino w'abana rwana.
Dusanze nk'uko twabitekerezaga
Tugomba kuba abagabo
Abagabo bahangana n'ibihe
Kuko kwibeshya gato bituma
Utsindwa n'ubuzima buheri heri
Icyari inzozi kikayoyoka ubireba
Nta kazi, nta funguro,
Nta huriro muri iyi si
Mu isi isaba ubumenyi
Ko numva ncitse intege
Reka niterere akaririmbo
Nongere niyegeranirize
Ibiganza nk'umwana
Mbega we turongeye turaririmbye
Tuzatsinda tuzatsinda ubuzima.

D Habimana, *Byarabaye* (2008)

www.xtrapapers.com



– Uyu muvugo ubigenza ute ngo utere amarangamutima umusomyi wawo?

– Gereranya uburyo umusizi atangira n'uburyo asozamo umwandiko we.

– Garagaza uburyo umutwe w'uyu muvugo uberanye n'ibivugwa mu mwandiko ubwawo.

– Gira icyo uvuga ku buryo ingingo zivugwa mu muvugo zigaragazwa n'uburyo zitera imbere mu muvugo wose.

www.xtrapapers.com



**2.**

**Ubwenge bwa Bakame**

Umunsi umwe Bakame yasanze umugabo w'umunyabwenge mu ishyamba iramubwira iti "Ubwenge bwawe butuma utegeka iri shyamba n'ibirituye, none reka ngire icyo nkwisabira. Uwo mugabo abaza Bakame ati "urifuza iki?" Na yo iti "ndagusaba ko unyongerera ubwenge kugira ngo mburushe izindi nyamaswa zose." Umugabo amaze gutekereza arayisubiza ati "enda iki giseke uzanyuzurizemo inyoni, iki cyansi uzanyuzurizemo amata y'imbogo, uzanzanire n'inzoka ireshya n'iyi nkoni. Nubibona, uzaze nkongerere ubwenge. Bakame ibatura ibyo bintu uwo mugabo yari ayihaye, ijya ku mugezi aho inyamaswa zose zikoranira zishotse. Muri ako kanya, imbogo na yo irashoka. Bakame iyibonye iti "Yoo! Yewe ga Baka! Mbega ngo abantu barakubeshya! Ibi bishoboka bite? Nabyemera nte?" Imbogo irayisubiza iti "Uravuga uduki Baka?" Bakame iti "Ndeka ntibishoboka!". Imbogo iti "ese ni ibiki?" Bakame iti "Nateze n'umuntu anyemeza ko ushobora kuzuza iki cyansi amata da! Ariko njye mbona ko bidashoboka." Imbogo iti "Ishyengo ryawe ndarizi!" Bakame izunguza umutwe iti "Ntibishoboka rwose!". Imbogo iti "Reka nkwereke" Nuko igira itya ihagarara hejuru y'icyansi, yivuruganyirizamo mu kanya kiba kiruzuye. Bakame iti "Uransinze koko!" Iherako iterura icyansi igishyira iruhande rwa cya giseke cyuzuye inyoni. Bidatinze inzoka iba irashotse. Bakame iyibonye itangira kwiteresha intambwe kuri ya nkoni, imwe, ebyiri, eshatu… Iti "Ndiruhiriza ubusa, ntibishoboka!" Inzoka irahagarara, ibaza Bakame iti "Bite Baka?" Na yo iti "Reka numiwe! Umuntu yambwiye ko ushobora kureshya n'iyi nkoni kandi nsanzwe nkuziho ubugufi." Inzoka ikubita agatwenge! Iti "Ibyo na byo!" Iherako yirambika iruhande rwa ya nkoni. Bakame ntiyazuyaza ihita iyihambiraho. Nuko ifata ibyo yatumwe byose irikorera no kwa wa muntu. Abibonye arumirwa! Amaze kwiyumvira, abwira Bakame ati "nkongereye ubwenge ku bwo ufite naba ndi igicucu! Gumana ubwo ufite burahagije!" Nuko Bakame ibonye ko hariho izindi nyaryenge ziyirusha, yikubura ishengurwa n'ishavu ry'uko yagokeye ubusa.

B Yanzigiye n'abandi, *Uturango tw'umuco gakondo nyarwanda* (2011)

– Garagaza uburyo n'inzira zose umwanditsi akoreshamo ururimi n'imvugo zishushanya amayeri ya Bakame muri uyu mugani.

– Gira icyo uvuga ku buryo umwanditsi asobeka ibikorwa biri muri uyu mugani.

– Murika uburyo umwanditsi asoza uyu mugani.